KAYIJAMAHE Callixte

Bourgmestre de la Commune Sake

B.P.7 K I B U N G O

Mabuga le 23 Juillet 1971

-Bimenyeshejwe Nyilicyubahiro Président wa M.D.R Parmehutu,

Président wa Republika i

G I T A R A M A

Impamvu:
Munsabire amahoro

Bimenyeshejwe Nyakwubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National

wa M.D.R.Parmehutu i

~~K I G A L I~~ GITARAMA

Bimenyeshejwe Bwana Préfet wa Préfecture ya

K I B U N G O

Bimenyeshejwe Bwa na HABIMMANA Chrysanthe,Candidat-Bourgmestre

Commune M U G E S E R A - K I B U N G O

Byandikiwe Bwana Secrétaire Régional wa M.D.R.Parmehutu i

K I B U N G O

Bwana Secrétaire Régional,

Turababwira bike cyane kandi musanzwe muzi,kugira ngo muli iki gihe murusheho kubikulikirana;ku giti cyanjye n'icy'abanjye bose kunsabira amahoro.Commune Mugesera yintoteza nk'aho ndi umuntu wagize icyo akorera Igihugu,Leta,Parti,kibi kuva mu wa 1959 kugeza muli 1971.Ubu nkorera Parti ndimo, Parmehutu itangaya,itankemangaho ubulyalya,ubudemagoji n'ibindi...Kuva mu wa 1960 kugeza mu wa 1971 nyobora Commune Sake,nkavanwa kuli liste nk'abandi bitambabaje na gato,kuko uretse uwabonye urundi rwego rurenze,abo twatangiranye bagiye bavaho kubera impamvu zabo n'abaturage babatoraga.Jyewe rero umwe wali usigaye,kuvaho kwanjye ni byo nshima kuko nali ntarata ilyoya aho nabaye icyo gihe cyose,bandeba neza mbareba neza nta ko bisa muli Sake.Ikimbabaje ni iki:mbasabira amahoro.

Kubona ku italiki ya 23/7/1971 kuwa gatanu,Habimmana Chrysanthe aza kugura kawa uko abisanganywe mu isoko ly'i Mabuga muli Commune Sake akavuga aya magambo uko ali atatu:

1)Yirata ngo yaranyaze,abaturage ngo nibazane kawa,abahende,cyangwa azabagire uko yangize....n'ibindi
2)Kuvugira mu isoko ngo nanga Préfet na we ntamuretse,ngo kutabana n'abategetsi nka we ngo ni byo binkuyeho,
3)Ngo nanze abo bahamaje nshyiraho abo nshaka ngo ntibahemeye,bazashyiraho abo bishakiye ejo mu gitondo.

N.B.Candaidat-Bourgmestre antanze kubimenya kuko jyewe nali mu kazi kenshi ko guhagaralira abaturage,ajya kubireba no kwumva ibyo avuga kubera ko abaturage bali batangiye kwivovota cyane,uwo Habukubaho amubonye ati:"Ngwino nkubwire."Ati:"Ni wowe

nifuza ko utegeka,ngushinze Kayijamahe Callixte,umulimbure n'imizi.Dore nazaga ino nitinya,ntinya we,none mukureho,Sake na Mugesera bibe Commune imwe."

Arenze ibyo yamusebyaga ko hazajyaho Hishamunda Théobald wali assesseur iwe byanze bikunze.

N.B.Parti ifite amabanga yubahiliza abyiyobora,ibyo byarabayeho byavugirwa mu isoko?Ubutegetsi bwa Parti bwagira ibyo mvuze? Kuki?

Nsabye ankete muzakulikirane ibyo yavugiye mu isoko lyo muli Paysanat,kwongeraho ibyo yongereyeho ejo bundi ku italiki ya 23/7/1971.Ndasaba amahoro ku umurenge,muli Commune ntuyemo,mbuza n'uwo tutagira amahuliro.Hali amabaruwa yanditswe ku italiki ya 21/7/1971 na 22/7/1971 yandikiwe i Rubago,andi yandikiwe i Karembo, ndasaba kuyakulikirana mukayakorera ankete,ayo afite communication na Mugesera,ayo yavuye Rubago,Ngoma, na Ruyema,avuga ko nishe itora,uko nalyishe nibabigaragaze.Dore ndi Ngarama,ndacyategeka kandi narahategetse,untesha umutwe nabe aretse.Ndamusaba kumpa amahoro nkuko nanjye nayamuhaye.Ndavuga nishingana,sinsaba imilimo,mureba nakora nimwe mwawungenera,ubwenge amashuli n'ubushobozi muzi uko bingana.

Simvutse none,ahasigaye ubabaye avuga byinshi,ndekeye aho.

Murakagira Président wa M?D.R.Parmehutu.

Bourgmestre KAYIJAMAHE Callixte.

[signature]